

## ***Ibirimo/Summary/Sommaire***

***page/urup***

### **A. Amategeko / Laws / Lois**

#### **N° 70/2013 ryo kuwa 02/09/2013**

Itegeko rigenga urusobe rw'ibinyabuzima mu Rwanda.....2

#### **N° 70/2013 of 02/09/2013**

Law governing biodiversity in Rwanda.....2

#### **N° 70/2013 du 02/09/2013**

Loi régissant la biodiversité au Rwanda .....2

#### **N° 71/2013 ryo kuwa 10/09/2013**

Itegeko rishyiraho Kaminuza y'u Rwanda (UR) rikanagena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere byayo.....32

#### **N° 71/2013 of 10/09/2013**

Law establishing the University of Rwanda (UR) and determining its mission, powers, organisation and functioning .....32

#### **N° 71/2013 du 10/09/2013**

Loi portant création de l'Université du Rwanda (UR) et déterminant ses missions, sa compétence, son organisation et son fonctionnement.....32

#### **N° 72/03 ryo kuwa 10/09/2013**

Itegeko rishyiraho Inama y'Ighugu y'Amashuri Makuru, rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo.....55

#### **N° 72/03 of 10/09/2013**

Law establishing Higher Education Council and determining its responsibilities, organisation and functioning. .....55

#### **N° 72/03 du 10/09/2013**

Loi portant création du Haut Conseil de l'Enseignement Supérieur et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement.....55

### **B. Iteka rya Minisitiri w'Intebe / Prime Minister's Order / Arrêté du Premier Ministre**

#### **N° 183/03 ryo kuwa 05/09/2013**

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho Abayobozi b'Amashami.....69

#### **N° 183/03 of 05/09/2013**

Prime Minister's Order appointing Directors.....69

#### **N° 183/03 du 05/09/2013**

Arrêté du Premier Ministre portant nomination des Directeurs.....69

ITEGEKO N° 70/2013 RYO KUWA 02/09/2013  
RIGENGA URUSOBE RW'IBINYABUZIMA  
MU RWANDA

LAW N° 70/2013 OF 02/09/2013 GOVERNING  
BIODIVERSITY IN RWANDA

LOI N° 70/2013 DU 02/09/2013 REGISANT LA  
BIODIVERSITE AU RWANDA

## ISHAKIRO

## TABLE OF CONTENTS

## TABLE DES MATIERES

<b>UMUTWE WA MBERE:</b> INGINGO RUSANGE	<b>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</b>	<b>CHAPITRE PREMIER:</b> DISPOSITIONS GENERALES
<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije	<u>Article One:</u> Purpose of this Law	<u>Article premier:</u> Objet de la présente loi
<u>Ingingo ya 2:</u> Ibisobanuro by'amagambo	<u>Article 2:</u> Definitions of terms	<u>Article 2:</u> Définitions des termes
<b>UMUTWE WA II: ITEGANYAMIGAMBI N'ISUZUMABIKORWA MU RWEGO RW'URUSOBE RW'IBINYABUZIMA</b>	<b>CHAPTER II: BIODIVERSITY PLANNING AND MONITORING</b>	<b>CHAPITRE II: PLANIFICATION ET SURVEILLANCE DE LA BIODIVERSITE</b>
<u>Ingingo ya 3:</u> Iteganyamigambi n'isuzumabikorwa mu rwego rw'urusobe rw'ibinyabuzima	<u>Article 3:</u> Biodiversity planning and monitoring	<u>Article 3:</u> Planification et surveillance de la biodiversité
<u>Ingingo ya 4:</u> Ibikubiye mu ngamba z'Ighugu ku bijyanye n'urusobe rw'ibinyabuzima	<u>Article 4:</u> Content of national biodiversity strategies	<u>Article 4:</u> Contenu des stratégies nationales de la biodiversité
<u>Ingingo ya 5:</u> Igenwa n'imicungire y'ahantu nyabuzima	<u>Article 5:</u> Determining and managing a bioregion	<u>Article 5:</u> Déterminer et gérer une bio-région
<u>Ingingo ya 6:</u> Igenamigambi ku rwego rw'ahantu nyabuzima hambukiranya imipaka	<u>Article 6:</u> Transboundary bioregional plan	<u>Article 6:</u> Plan bio-régional transfrontalier
<u>Ingingo ya 7:</u> Ibikubiye mu igenamigambi ku rwego rw'ahantu nyabuzima	<u>Article 7:</u> Content of a bioregional plan	<u>Article 7:</u> Contenu d'un plan bio-régional
<u>Ingingo ya 8:</u> Ivugururwa ry'igenamigambi ku	<u>Article 8:</u> Review of a bioregional plan	<u>Article 8:</u> Révision d'un plan bio-régional

**rwego rw'ahantu nyabuzima**

<b><u>Ingingo ya 9:</u></b> Igenamigambi ry'imicungire y'urusobe rw'ibinyabuzima	<b>Article 9:</b> Biodiversity management plan	<b>Article 9:</b> Plan de gestion de la biodiversité
<b><u>Ingingo ya 10:</u></b> Ivugururwa n'ihindurwa ry'igenamigambi ry'imicungire y'urusobe rw'ibinyabuzima	<b>Article 10:</b> Review and amendment of biodiversity management plans	<b>Article 10:</b> Révision et modification des plans de gestion de la biodiversité
<b><u>Ingingo ya 11:</u></b> Ikurikiranabikorwa	<b>Article 11:</b> Monitoring	<b>Article 11:</b> Surveillance
<b><u>Ingingo ya 12:</u></b> Guteza imbere ubushakashatsi	<b>Article 12:</b> Research promotion	<b>Article 12:</b> Promotion de la recherche
<b><u>Ingingo ya 13:</u></b> Raporo n'imenyekanisha ry'imiterere y'urusobe rw'ibinyabuzima	<b>Article 13:</b> Biodiversity status report	<b>Article 13:</b> Rapport sur la situation de la biodiversité
<b><u>UMUTWE WA III:</u></b> INDIRI Z'URUSOBE RW'IBINYABUZIMA N'AMOKO Y'IBINYABUZIMA BYIBASIWE N'IBY'IBYADUKA	<b>CHAPTER III:</b> ECOSYSTEMS AND ENDANGERED AND INVASIVE SPECIES	<b>CHAPITRE III:</b> ECOSYSTEMES ET ESPECES MENACEES D'EXTINCTION ET ESPECES ENVAHISANTES
<b><u>Ingingo ya 14:</u></b> Indiri z'urusobe rw'ibinyabuzima zikeneye kurindwa	<b>Article 14:</b> Ecosystems in need of protection	<b>Article 14:</b> Ecosystèmes nécessitant la protection
<b><u>Ingingo ya 15:</u></b> Ibikorwa bibujije mu ndiri z'urusobe rw'ibinyabuzima ziri ku rutonde	<b>Article 15:</b> Prohibited activities in ecosystems which are included on the list	<b>Article 15:</b> Activités interdites dans les écosystèmes figurant sur la liste
<b><u>Ingingo ya 16:</u></b> Amoko y'ibinyabuzima akeneye kurengerwa	<b>Article 16:</b> Species in need of protection	<b>Article 16:</b> Espèces nécessitant la protection
<b><u>Ingingo ya 17:</u></b> Ibibujije gukorwa ku bwoko bw'ibinyabuzima biri ku rutonde rw'ibinyabuzima byibasiwe kandi bigomba kurengerwa	<b>Article 17:</b> Activities prohibited with respect to endangered and protected species included on the list	<b>Article 17:</b> Activités interdites en rapport avec les espèces menacées d'extinction et protégées figurant sur la liste

<u>Iningo ya 18:</u> Amoko y'ibinyabuzima n'ibinyabuzima bishobora kubangamira urusobe rw'ibinyabuzima	<u>Article 18:</u> Species and organisms tha may pose a potential threat to biodiversity	<u>Article 18:</u> Espèces et organismes présentant une menace potentielle pour la biodiversité
<u>Iningo ya 19:</u> Ibikorwa bijyanye n'amoko y'ibinyabuzima by'ibicirirano	<u>Article 19:</u> Activities involving alien species	<u>Article 19:</u> Activités impliquant les espèces exotiques
<u>Iningo ya 20:</u> Urutonde rw'ibinyabuzima by'ibyaduka	<u>Article 20:</u> List of invasive species	<u>Article 20:</u> Liste des espèces envahissantes
<u>Iningo ya 21:</u> Ibikorwa birebana n'ibinyabuzima by'ibyaduka biri ku rutonde	<u>Article 21:</u> Activities involving invasive species included on the list	<u>Article 21:</u> Activités impliquant les espèces envahissantes figurant sur la liste
<u>Iningo ya 22:</u> Inshingano yo kurwanya ibinyabuzima by'ibyaduka	<u>Article 22:</u> Obligation to control invasive species	<u>Article 22:</u> Obligation de lutter contre les espèces envahissantes
<u>Iningo ya 23:</u> Uburyo kugenzura, guhagarika no kurimbura burundu ibinyabuzima by'ibyaduka bikorwa	<u>Article 23:</u> Modalities for controlling, containing and eradicating invasive species	<u>Article 23:</u> Modalités de contrôler, contenir et éradiquer les espèces envahissantes
<u>Iningo ya 24:</u> Igenamigambi ryo kugenzura, guhagarika no kurimbura burundu ibinyabuzima by'ibyaduka	<u>Article 24:</u> Invasive species control, containing and eradication plan	<u>Article 24:</u> Plan permettant de contrôler, de contenir et d'éradiquer des espèces envahissantes
<u>Iningo ya 25:</u> Ibigize igenamigambi	<u>Article 25:</u> Content of the plan	<u>Article 25 :</u> Contenu du plan
<u>Iningo ya 26:</u> Ibinyabuzima byahinduwe hakoreshejwe uturemangoingo ndangasano	<u>Article 26:</u> Genetically modified organisms	<u>Article 26:</u> Organismes génétiquement modifiés
<u>UMUTWE WA IV:</u> GUSHAKIRA ISOKO UMETUNGWO W'IBINYABUZIMA, KUWUGERAHO NO GUSANGIRA INYUNGU ZIWUKOMOKAHO	<u>CHAPTER IV:</u> BIOPROSPECTING, ACCESS AND BENEFIT SHARING	<u>CHAPITRE IV:</u> BIOPROSPECTION, ACCES ET PARTAGE DES AVANTAGES
<u>Iningo ya 27:</u> Gushakira isoko umutungo w'ibinyabuzima kavukire no kubyohereza mu	<u>Article 27:</u> Bioprospecting in and export of indigenous biological resources	<u>Article 27:</u> Bio-prospection et exportation des ressources biologiques naturelles

**mahanga**

**Ingingo ya 28: Ibyitabwaho mbere yo gutanga uruhushya**

**Ingingo ya 29: Uburenganzira ku mutungo nyabuzima no gusangira inyungu ziuvuyemo**

**UMUTWE WA V: IMPUSHYA**

**Ingingo ya 30: Urwego rutanga uruhushya**

**Ingingo ya 31: Ihagarikwa ry'itangwa ry'uruhushya**

**Ingingo ya 32: Ikiguzi cy'uruhushya**

**Ingingo ya 33: Ibikubiye mu ruhushya**

**Ingingo ya 34: Isuzumangaruka na gihamya y'impuguke**

**Ingingo ya 35: Gukuraho uruhushya**

**Ingingo ya 36 : Kujuririra icyemezo**

**UMUTWE WA VI: IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI**

**Ingingo ya 37: Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi**

**UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 38: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

**Article 28: Preconditions for issuance of a permit**

**Article 29: Right to biological resources and sharing of benefits**

**CHAPTER V: PERMITS**

**Article 30: Permit issuing authority**

**Article 31: Discontinuation of the permit issuance procedure**

**Article 32: Permit fees**

**Article 33: Permit content**

**Article 34: Impact assessment and expert evidence**

**Article 35: Cancellation of a permit**

**Article 36: Appeal against a decision**

**CHAPTER VI: ADMINISTRATIVE SANCTIONS**

**Article 37: Administrative sanctions**

**CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS**

**Article 38: Drafting, consideration and adoption of this Law**

**Article 28: Conditions préalables à l'octroi d'un permis**

**Article 29: Droit aux ressources biologiques et partage des avantages qui en découlent**

**CHAPTER V: PERMIS**

**Article 30: Autorité délivrant le permis**

**Article 31: Arrêt de la procédure d'octroi d'un permis**

**Article 32: Frais à payer pour le permis**

**Article 33: Contenu du permis**

**Article 34: Etude d'impact et preuve d'expert**

**Article 35: Annulation d'un permis**

**Article 36 : Recours contre une décision**

**CHAPTER VI : SANCTIONS ADMINISTRATIVES**

**Article 37: Sanctions administratives**

**CHAPTER VII: DISPOSITIONS FINALES**

**Article 38: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

Iningo ya 39: Ivanwaho ry'ingingo Article 39: Repealing provision  
z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko Article 39: Disposition abrogatoire

Iningo ya 40: Igihe iri tegeko ritangira Article 40: Commencement  
gukurikizwa Article 40: Entrée en vigueur

**ITEGEKO N° 70/2013 RYO KUWA 02/09/2013  
RIGENGA URUSOBE RW'IBINYABUZIMA  
MU RWANDA**

**Twebwe, KAGAME Paul,  
Perezida wa Repubulika;**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE,  
NONE NATWE DUHAMIE, DUTANGAJE  
ITEGEKO  
RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO  
RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA  
REPUBLIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO :**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yaho yo kuwa 23 Gicurasi 2013;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 49, iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92, iya 93, iya 108, iya 190, iya 191 n'iya 201;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yo gufata neza urusobe rw'ibinyabuzima n'aho ruba, yashyiriweho umukono i RIO DE JANEIRO muri BRESIL, kuwa 05 Kamena 1992, nk'uko yemejwe burundi n'Iteka rya Perezida n° 017/01 ryo kuwa 18/03/1995;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga y'Inyongera ya CARTAGENA muri

**LAW N° 70/2013 OF 02/09/2013 GOVERNING  
BIODIVERSITY IN RWANDA**

**We, KAGAME Paul,  
President of the Republic;**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND  
WE SANCTION, PROMULGATE THE  
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE  
PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE  
OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 23 May 2013;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 49, 62, 66, 67, 90, 92, 93, 108, 190, 191 and 201;

Pursuant to the International Convention on Biological Diversity and its Habitat signed in RIO DE JANEIRO, BRAZIL on 05 June 1992 as ratified by the Presidential Order n° 017/01 of 18/03/1995;

Pursuant to the CARTAGENA Protocol on Biosafety to the Convention of Biological

**LOI N° 70/2013 DU 02/09/2013 REGISSANT LA  
BIODIVERSITE AU RWANDA**

**Nous, KAGAME Paul,  
Président de la République ;**

**LE PARLEMENT A ADOpte ET NOUS  
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI  
DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS  
QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL  
OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU  
RWANDA**

**LE PARLEMENT :**

La Chambre des Députés, en sa séance du 23 mai 2013;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 49, 62, 66, 67, 90, 92, 93, 108, 190, 191 et 201;

Vu la Convention sur la Diversité Biologique et son habitat signée à RIO DE JANEIRO au BRESIL le 05 juin 1992 telle que ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 17/01 du 18/03/1995;

Vu le Protocole de CARTAGENA sur la Biosécurité à la Convention sur la Diversité Biologique signé à

**Official Gazette n° 38 of 23/09/2013**

COLOMBIYA yerekeye Umutekano w'Urusobe rw'Ibinyabuzima yashyiriweho umukono i Nairobi muri KENYA guhera tariki ya 15 kugeza ku ya 26 Gicurasi 2000 n'i New York muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika guhera tariki ya 5 Kamena 2000 kugeza ku ya 04 Kamena 2001 nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n°51/01 ryo kuwa 31/12/2007;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga y'i RAMSAR muri IRANI yo kuwa 02 Gashyantare 1971 yerekeye kubungabunga ahantu hahehereye hafite akamaro ku rwego Mpuzamahanga ku bw'umwihariko indiri y'inonyi zo mu mazi nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n°53/01 ryo kuwa 31/12/2007;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga y'i BONN mu BUDAGE yo kuwa 23 Kamena 1979 agamije kubungabunga inyamaswa z'agasozi zihora zimuka nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n°32/01 ryo kuwa 31/12/2007;

Ishingiye ku Masezerano yabereye i WASHINGTON muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika kuwa 03 Werurwe 1973, yerekeye icuruzwa rikorerwa hagati y'Ibihugu ku bwoko bwenda gucika bw'inyamaswa n'ibimera mu gasozi, nk'uko bwemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 211 ryo kuwa 25/06/1980 ;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 04/2005 ryo kuwa 08/04/2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda.

Biodiversity signed in NAIROBI, KENYA, from 15 to 26 May 2000 and in NEW YORK, United States of America, from 5 June 2000 to 04 June 2001 as ratified by the Presidential Order n° 51/01 of 31/12/2007;

Pursuant to the RAMSAR International Convention of 02 February 1971 on Wetlands of International importance, especially as waterfowl habitats as ratified by the Presidential Order n° 53/01 of 31/12/ 2007;

Pursuant to the BONN Convention of 23 June 1979 on conservation of migratory species of wild animals as ratified by the Presidential Order n° 32/01 of 31/12/2007;

Pursuant to the Washington Convention of 03 March 1973 on International Trade in endangered species of Wild Flora and Fauna as ratified by the Presidential Order n° 211 of 25/06/1980;

Pursuant to Organic Law n° 04/2005 of 08/04/2005 determining modalities of protection, conservation and promotion of environment in Rwanda.

Nairobi, KENYA, du 15 au 26 mai 2000, et à New York aux Etats-Unis d'Amérique, du 5 juin 2000 au 04 juin 2001 tel que ratifié par Arrêté Présidentiel n° 51/01 du 31/12/2007;

Vu la Convention de RAMSAR, du 02 février 1971, relative aux Zones Humides d'Importance internationale particulièrement comme Habitats des Oiseaux d'Eau telle que ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 53/01 du 31/12/2007;

Vu la Convention de BONN du 23 juin 1979 sur la Conservation des Espèces Migratrices appartenant à la faune sauvage, telle que ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 32/01 du 31/12/2007;

Vu les ententes de WASHINGTON du 03 mars 1973 relatives aux commerces inter pays sur les animaux et végétaux sauvages en voie de disparition telles que ratifiées par Arrêté Présidentiel n°211 du 25/06/1980 ;

Vu la Loi Organique n° 04/2005 du 08/04/2005 portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda.

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE:** INGINGO  
**RUSANGE**

**Iningo ya mbere:** Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rigena uburyo bwo gucunga no kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima mu Rwanda.

**Iningo ya 2:** Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanuye ku buryo bukurikira:

1° **ahantu harinzwe:** ahantu hazwi, hemejwe kandi hagacungwa mu rwego rwo kuhabungabunga;

2° **ahantu nyabuzima:** ahantu kamere harangwa n'urusobe rw'ibimera n'innyamaswa n'imiterere y'ibidukikije yihariye;

3° **amasezerano yo guhererekanya ibintu:** inyandiko zikoreshwa mu guhererekanya ibintu mu rwego rw'ibinyabuzima no mu bushakashatsi;

4° **gushaka isoko y'ibinyabuzima:** gukora ubushakashatsi, gukusanya no gukoresha umutungo w'ibinyabuzima;

5° **ibinyabuzima biregarega:** ubwoko bw'binyabuzima bishobora gushiraho mu

**ADOPTS :**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One:** Purpose of this Law

This Law determines modalities for management and conservation of biological diversity within Rwanda.

**Article 2:** Definitions of terms

In this Law, the following terms shall have the following meanings:

1° **protected area:** a geographically defined area which is designated and managed for its conservation;

2° **bioregion:** a natural area with flora and fauna as well as specific environmental conditions;

3° **material transfer agreement:** contractual documents used for the acquisition of various biological and research materials;

4° **bioprospecting:** research, collection and utilization of biological and genetic resources;

5° **vulnerable species:** any indigenous species facing a high risk of extinction in the wild in

**ADOpte :**

**CHAPITRE PREMIER:** DISPOSITIONS GENERALES

**Article premier:** Objet de la présente loi

La présente loi détermine les modalités de gestion et de conservation la diversité biologique au Rwanda.

**Article 2:** Définitions des termes

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1° **zone protégée:** zone géographiquement délimitée désignée et gérée en vue de sa conservation ;

2° **biorégion:** espace naturel caractérisé par une flore et une faune et des conditions environnementales spécifiques;

3° **accord de transfert de matériel:** documents contractuels utilisés pour acquérir différents matériels biologiques et de recherche ;

4° **bioprospection:** recherche, collecte et utilisation des ressources biologique et génétiques;

5° **espèces vulnérables:** toutes les espèces confrontées à un risque d'extinction à l'état

bindi binyabuzima mu gihe giciriritse, cya vuba ariko bitari mu rwego rw'ibinyabuzima byibasiwe cyane cyangwa byibasiwe ku buryo busanzwe ;

- 6° **ibinyabuzima birinzwe:** ubwoko bw'binyabuzima bifite agaciro kanini ku buryo birengerwa cyangwa bikaba bifitiye akamaro ighugu ku buryo biba ngombwa ko byitabwaho ku rwego rw'ighugu;
- 7° **ibinyabuzima byibasiwe:** ubwoko bw'binyabuzima kavukire bishobora gushiraho mu bindi binyabuzima mu gihe cya vuba ariko bikaba bitari mu rwego rw'ibinyabuzima byibasiwe cyane;
- 8° **ibinyabuzima byibasiwe cyane:** ubwoko bw'binyabuzima kavukire bishobora gushiraho burundu mu bindi binyabuzima mu gihe cya vuba;
- 9° **ibinyabuzima by'ibicirirano:** ubwoko bw'binyabuzima bicirirwa ahantu bidasanzwe biboneka biturutse ku bushake cyangwa impanuka zifitanye isano n'ibikorwa bya muntu;
- 10° **ibinyabuzima by'ibyaduka:** ubwoko bw'binyabuzima bigira ingaruka ku bukungu cyangwa bigahungabanya ibidukikije cyangwa ubuzima bw'abantu iyo byinjijwe cyangwa bikwirakwijwe ahantu;

the medium-term future although they are not part of endangered or critically endangered organisms;

- 6° **protected species:** any species which are of such high conservation value or national importance that they require national protection;
- 7° **endangered species:** indigenous species facing a high risk of extinction in the wild in the immediate future, although they are not critically endangered species;
- 8° **critically endangered species:** indigenous species facing an extremely high risk of extinction in the wild in the immediate future;
- 9° **alien species:** species occurring in an area outside of its historically known natural range as a result of intentional or accidental dispersal by human activities;
- 10° **invasive species:** species whose introduction or spread does or is likely to cause economic or environmental harm or harm to human health;

sauvage extrêmement élevé et à moyen terme bien qu'elles ne soient pas des organismes ménacés ou sévèrement menacés;

**espèces protégées:** toutes les espèces d'une grande valeur de conservation ou d'une grande importance nationale nécessitant une protection nationale ;

**espèces menacées d'extinction:** espèces exotiques confrontées à un risque d'extinction à l'état sauvage dans un proche avenir, bien qu'elles ne soient pas des espèces sévèrement menacées d'extinction ;

**espèces sévèrement menacées d'extinction:** espèces exotiques confrontées à un risque extrêmement élevé d'extinction dans un proche avenir ;

**espèces exotiques:** espèces présentes en dehors de leur aire connue de répartition naturelle ou de leur aire de dispersion potentielle du fait d'une introduction accidentelle ou délibérée résultant de l'activité humaine ;

**espèces envahissantes:** espèces dont l'introduction ou la propagation cause ou peut causer des dommages économiques ou écologiques, ou nuire à la santé humaine;

- 11° ikinyabuzima:** ubwoko ubwo ari bwo bwose bw'ibantu biriho, bishobora kubyarana hagati yabyo kandi ibyo bibyaye nabyo bigashobora kubyara;
- 12° ikinyabuzima cyahinduwe mu rwego rw'uturemangingo ndangasano:** ikinyabuzima gifite imiterere y'umwimerere yahinduwe bagicengezamo akaremangingo kahinduwe mu rwego rw'imisemburo cyangwa uturemangingo ndangasano tw'ikindi kinyabuzima hakoreshejwe tekini zo guhindura ibinyabuzima;
- 13° ikinyabuzima ndangasano:** inyamanswa imwe, cyangwa igice cy'inyamanswa, ikimera, cyangwa igice cy'ikimera, cyangwa ikinyabuzima kitaboneka n'amaso, gikoreshwa mu guhagararira ibindi kugira ngo higwe imiterere y'umuryango wose w'icyo kinyabuzima;
- 14° indiri y'urusobe rw'ibinyabuzima:** ahantu hihariye h'ubutaka cyangwa amazi usanga ibinyabuzima biriho kandi byuzuzanya;
- 15° indiri z'urusobe rw'ibinyabuzima zibasiwe:** indiri z'urusobe rw'ibinyabuzima byatakaje ibantu byinshi mu rwego rw'imiterere yazo , ku rwego rw'agaciro kazo, no mu bizigize biturutse ku bikorwa bya muntu nubwo atari indiri z'urusobe rw'ibinyabuzima zibasiwe cyane;
- 16° indiri z'urusobe rw'ibinyabuzima zibasiwe cyane:** indiri z'urusobe rw'ibinyabuzima
- 11° species:** group of living organisms capable of interbreeding and producing fertile offsprings;
- 12° genetically modified organism:** organism whose genetic characteristics have been altered by the insertion of a modified gene or a gene from another organism using the techniques of genetic engineering;
- 13° specimen:** an individual animal, part of an animal, plant, part of a plant, or microorganism used as a representative to study the properties of the whole population of that species or subspecies;
- 14° ecosystem:** a particular place on land or in water where biodiversity is found and complement each other;
- 15° endangered ecosystems:** ecosystems that have undergone degradation of ecological structure, function or composition as a result of human intervention, although they are not critically endangered ecosystems;
- 16° critically endangered ecosystems:** ecosystems that have undergone severe
- 11° espèce :** groupe d'êtres vivants pouvant se reproduire entre eux et dont la descendance est fertile ;
- 12° organisme génétiquement modifié:** organisme dont les caractéristiques génétiques ont été altérées par l'insertion de la gène modifiée ou gène provenant d'un autre organisme en utilisant des techniques du génie génétique ;
- 13° spécimen:** un animal individuel, une partie d'un animal, d'une plante, une partie d'une plante ou microorganisme utilisé pour étudier des propriétés de toute la population de cette espèce ou sous-espèce ;
- 14° écosystème:** une partie spécifique terrestre ou aquatique où on trouve la diversité biologique qui forme un complexe dynamique ;
- 15° écosystèmes en voie de disparition:** les écosystèmes qui ont subi la dégradation de la structure, fonction ou composition écologique suite à l'intervention humaine, bien qu'ils ne soient pas des écosystèmes sévèrement menacés de disparition;
- 16° écosystèmes sévèrement menacés de disparition :** écosystèmes qui ont subi une

- zatakaje byinshi mu miterere yazo, mu kamaro kazo no mu bizigize, biturutse ku bikorwa bya muntu zikaba zishobora guhinduka ku buryo budasubirwaho;
- 17° **indiri z'urusobe rw'ibinyabuzima ziregarega:** indiri z'urusobe rw'ibinyabuzima zishobora gutakaza byinshi mu miterere yazo, mu gaciro kazo no mu bizigize, biturutse ku bikorwa bya muntu nubwo atari indiri z'urusobe rw'ibinyabuzima zibasiwe cyane cyangwa indiri z'urusobe rw'ibinyabuzima zibasiwe;
- 18° **indiri z'urusobe rw'ibinyabuzima zirinzwe:** indiri z'urusobe rw'ibinyabuzima zibungabunzwe cyane n'izifite agaciro kanini ku rwego rw'ighugu cyangwa urwo arirwo rwose;
- 19° **Minisitiri:** Minisitiri ufite urusobe rw'ibinyabuzima mu nshingano ze;
- 20° **ubuyobozi butanga uruhushya:** urwego rwashyizweho n'amategeko kugirango rutange uruhushya runaka;
- 21° **umutungo nyabuzima:** umutungo ndangakamere, ibinyabuzima cyangwa ibice byabyo, cyangwa ikindi kinyabuzima kigize indiri y'urusobe rw'ibinyabuzima bifite agaciro cyangwa bishobora kugirira akamaro ikiremwamuntu;
- 22° **umutungo w'ibinyabuzima kavukire:** umutungo kamere kavukire, ibinyabuzima
- degradation of ecological structure, function or composition as a result of human intervention and are subject to an extremely high risk of irreversible transformation;
- 17° **vulnerable ecosystems:** ecosystems that have a high risk of undergoing significant degradation of ecological structure, function or composition as a result of human intervention, although they are not critically endangered ecosystems or endangered ecosystems;
- 18° **protected ecosystems:** ecosystems that are of high conservation value or of high national importance or of any other importance;
- 19° **Minister:** Minister in charge of biodiversity;
- 20° **permit issuing authority:** the authority assigned by laws to issue a specific permit;
- 21° **biological resources:** genetic resources, organisms or parts thereof, populations, or any other biotic component of ecosystems with actual or potential use or value for humanity;
- 22° **indigenous biological resource:** native genetic resources, organisms or parts thereof,
- sévère dégradation de la structure, fonction ou composition écologique suite à l'intervention humaine et qui sont assujettis à un risque extrêmement élevé de transformation irréversible ;
- 17° **écosystèmes vulnérables:** écosystèmes confrontés à un risque élevé de subir d'énorme dégradation de la structure, fonction ou composition écologique suite à l'intervention humaine, bien qu'ils ne soient pas des écosystèmes sévèrement menacés de disparition ou écosystèmes en voie de disparition ;
- 18° **écosystèmes protégés:** écosystèmes d'une grande valeur de conservation ou d'une grande importance nationale ou de toute autre importance ;
- 19° **Ministre:** Ministre ayant la biodiversité dans ses attributions ;
- 20° **autorité délivrant le permis:** l'autorité légalement habilitée à délivrer un permis donné ;
- 21° **ressources biologiques:** ressources génétiques, organismes ou éléments de ces organismes, populations ou tout autre élément biotique de l'écosystème ayant une utilisation ou une valeur effective ou potentielle pour l'humanité ;
- 22° **ressources biologiques locales:** ressources génétiques exotiques, organismes ou éléments

cyangwa ibice byabyo, abantu, cyangwa ikindi kinyabuzima kigize indiri y'urusobe rw'ibinyabuzima bifite agaciro cyangwa bishobora kuzakoreshwa mu guteza imbere abantu;

**23° umuntu:** umuntu ku giti cye, abantu bafatanije umutungo, sosiyete y'ubucuruzi, umuryango cyangwa ishyirahamwe bifite ubuzima gatozi;

**24° uruhushya rushingiye ku bwumvikane bw'abafatanyabikorwa:** uruhushya rutangwa n'inzego zibishinzwe mu gihugu mu rwego rwo gukora ubushakashatsi no gukoresha umutungo kavukire, abafatanyabikorwa bose n'abaturage baturiye uwo mutungo bakagira uruhare mu kurutanga bitewe n'imiterere y'uwo mutungo;

**25° urusobe rw'ibinyabuzima:** uruvange rw'ibinyabuzima by'ubwoko bwose, harimo umuntu, inyamaswa z'amoko yose, ibimera by'amoko yose, byaba ibiri ku butaka, mu butaka, mu mazi ndetse no mu kirere hamwe n'ubugirirane hagati yabyo;

**26° urwego rubiftiye ububasha:** ikigo cy'Igihugu gifite mu nshingano zacyo ibidukikije n'izindi nzego ziteganywa n'amategeko abigenga.

populations, or any other biotic component of ecosystems with actual or potential use or value for humanity;

**23° person:** an individual, a group of individuals co-owning, a business company, an organisation or association with legal personality;

**24° prior informed consent of stakeholders:** the consent of the relevant competent national authorities granted for the research and utilization of genetic resources where all relevant stakeholders and local communities are involved in the granting of the consent depending on the nature of such resources;

**25° biodiversity:** the variability of the living organisms of all types including the human being, animals of all species, plants of all types, be it on land or underground, in water as well as in the atmosphere and the interactions among them;

**26° competent authority:** agency in charge of environment and any other organ provided by relevant laws.

de ceux-ci, populations ou tout autre élément biotique de l'écosystème ayant une utilisation ou une valeur effective ou potentielle pour l'humanité;

**23° personne:** une personne physique, des copropriétaires, une société commerciale, une association ou une organisation dotée de la personnalité juridique ;

**24° consentement préalable en connaissance de cause des partenaires:** consentement de l'autorité nationale compétente accordé pour des recherches ou utilisation des ressources génétiques en vertu duquel tous les partenaires et les communautés locales contribuent à accorder le consentement en fonction de la nature de ces ressources ;

**25° biodiversité:** variabilité des organismes vivants de toute origine, y compris, entre autres, la personne humaine, les animaux de toutes sortes, les écosystèmes de toutes sortes qu'ils soient terrestres, souterrains, marins et atmosphérique ainsi que l'interaction entre eux;

**26° autorité compétente:** agence ayant l'environnement dans ses attributions et tout autre organe prévu par les lois en la matière.

**UMUTWE WA II: ITEGANYAMIGAMBI  
N'ISUZUMABIKORWA MU RWEGO  
RW'URUSOBE RW'IBINYABUZIMA**

**Ingingo ya 3: Iteganyamigambi  
n'isuzumabikorwa mu rwego rw'urusobe  
rw'ibinyabuzima**

Minisitiri akurikirana ibikorwa byo kubungabunga ibigize urusobe rw'ibinyabuzima mu Rwanda kandi agateza imbere ubushakashatsi muri urwo rwego.

**Ingingo ya 4: Ibikubiye mu ngamba z'Ighugu  
ku bijyanye n'urusobe rw'ibinyabuzima**

Ingamba z'Ighugu ku bijyanye n'urusobe rw'ibinyabuzima zigomba cyane cyane:

- 1° gushyiraho ibishoboka kugira ngo habeho uburyo bukomatanyije, buhuje ibikorwa kandi buganisha mu cyerekezo kimwe mu bijyanye no gucunga urusobe rw'ibinyabuzima bikorwa n'inzezo za Leta, imiryango nyarwanda n'imiryango mvamahanga itari iya Leta ifite ubuzima gatozi, abikorera n'abaturage;
- 2° kugena ahantu hihutirwa hakeneye kubungabungwa no gushyiraho ahantu harinzwe;
- 3° kugaragaza ubufatanye bw'ibihugu byo mu karere mu bijyanye n'imicungire y'urusobe rw'ibinyabuzima;

**CHAPTER II: BIODIVERSITY PLANNING  
AND MONITORING**

**Article 3: Biodiversity planning and  
monitoring**

The Minister shall monitor the conservation status of various components of Rwanda's biodiversity and promote biodiversity research.

**CHAPITRE II: PLANIFICATION ET  
SURVEILLANCE DE LA BIODIVERSITE**

**Article 3: Planification et surveillance de la  
biodiversité**

Le Ministre assure la surveillance de l'état de conservation de différentes composantes de la biodiversité au Rwanda et la promotion des recherches sur la biodiversité.

**Article 4: Content of national biodiversity  
strategies**

The national biodiversity strategies must especially:

- 1° provide for all possible actions to put in place an integrated, co-ordinated and uniform approach to biodiversity management by organs of state, national and international non-governmental organisations, the private sector and local communities;
- 2° identify priority areas for conservation actions and the establishment of protected areas;
- 3° reflect regional co-operation on issues concerning biodiversity management;

**Article 4: Contenu des stratégies nationales de la  
biodiversité**

Les stratégies nationales de la biodiversité doivent particulièrement:

- 1° prévoir toutes les mesures possibles pour la mise en place d'une approche intégrée, coordonnée et uniforme de la gestion de la biodiversité par les organes de l'Etat, les organisations non gouvernementales nationales et internationales, le secteur privé et les communautés locales;
- 2° identifier des domaines prioritaires pour les actions de conservation et l'établissement des zones protégées;
- 3° refléter la coopération régionale en matière de gestion de la biodiversité ;

4° kugaragaza ingamba z'Ighugu mu bijyanye n'urusobe rw'ibinyabuzima zigena ireme n'ibipimo ngenderwaho bya gahunda zo kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima ku rwego rw'aho hantu.

**Iningo ya 5: Igenwa n'imicungire y'ahantu nyabuzima**

Ministiri, abyibwirije cyangwa abisabwe n'abandi bantu babifitemo inyungu, ashiraho iteka rigena agace k'ahantu nyabuzima, igihe ako karere gafite indiri y'urusobe rw'ibinyabuzima imwe cyangwa nyinshi zibangikanye, kandi aho hantu hakarangwa n'imiterere imwe y'ubutaka, ibimera bihabarizwa, umuco cyangwa amateka y'abahaturiye.

Iryo teka ritangaza kandi gahunda y'imicungire y'urusobe rw'ibinyabuzima n'ibigize urwo rusobe muri ako gace.

**Iningo ya 6: Igenamigambi ku rwego rw'ahantu nyabuzima hambukiranya imipaka**

Leta igirana amasezerano n'ibihugu bihanna imbibii n'u Rwanda kugira ngo ishobore gushyira mu bikorwa igenamigambi ku rwego rw'ahantu nyabuzima hambukiranya imipaka.

**Iningo ya 7: Ibikubiye mu igenamigambi ku rwego rw'ahantu nyabuzima**

Igenamigambi ku rwego rw'ahantu nyabuzima rigomba kugaragaza ingamba mu rwego rwo gucunga urusobe rw'ibinyabuzima n'ibibigize

4° identify national biodiversity strategies which determine norms and standards for biodiversity conservation plans at local level.

**Article 5: Determining and managing a bioregion**

The Minister shall, on his/her own initiative or at the request of interested persons put in place an Order determining a geographic region as a bioregion if that region contains whole or several nested ecosystems and is characterised by its landforms, vegetation cover, human culture or history;

The Order shall also set out a plan for the management of biodiversity and its components in such a region.

**Article 6: Transboundary bioregional plan**

The Government shall enter into an agreement with neighbouring countries of Rwanda to ensure effective implementation of a transboundary bio-regional plan.

**Article 7: Content of a bioregional plan**

The bioregional plan must contain measures for the effective management of biodiversity and its components in the bioregion and provide for

4° identifier les stratégies nationales de biodiversité qui déterminent les normes et standards des plans de conservation de la biodiversité au niveau local.

**Article 5: Déterminer et gérer une bio-région**

Le Ministre prend, de sa propre initiative ou à la demande des personnes intéressées, un arrêté déterminant une région géographique comme bio-région si cette région contient tous ou quelques nids d'écosystème et est caractérisée par son relief, sa végétation, la culture humaine ou l'histoire ;

Cet arrêté énonce également un plan de gestion de la biodiversité et ses composantes dans une telle région.

**Article 6: Plan bio-régional transfrontalier**

Le Gouvernement conclut avec les pays voisins un accord de mise en application effective d'un plan bio-régional transfrontalier.

**Article 7: Contenu d'un plan bio-régional**

Le plan biorégional doit contenir des mesures de gestion effective de la biodiversité et ses composantes dans la bio-région et prévoir les

mu hantu nyabuzima mu buryo buboneye no kugena uburyo bw'isuzumamikorere.

**Ingingo ya 8: Ivugururwa ry'igenamigambi ku rwego rw'ahantu nyabuzima**

Igenamigambi ku rwego rw'ahantu nyabuzima rivugururwa nibura buri myaka itanu (5) n'igihe cyose bibaye ngombwa, hasuzumwa kandi niba ikurikizwa, hakarebwa uburyo intego zayo zigenda zigerwaho.

**Ingingo ya 9: Igenamigambi ry'imicungire y'urusobe rw'ibinyabuzima**

Umuntu uwo ari we wese, umuryango ufite ubuzima gatozi cyangwa urwego rwa Leta rwifusa kugira uruhare mu micungire y'urusobe rw'ibinyabuzima ashyikiriza ubuyobozu bubishiinzwe umushinga w'igenamigambi ry'imicungire y'urusobe rw'ibinyabuzima kugira ngo wemezwe.

Iryo genamigambi rigomba kuba rirebana n'imicungire y'ibi bikurikira:

- 1° indiri y'urusobe rw'ibinyabuzima;
- 2° ubwoko bw'ibinyabuzima kavukire;
- 3° ubwoko bw'ibinyabuzima by'ibicirirano n'ibymuka.

Iteka rya Minisitiri rishyiraho gahunda zose z'igenamigambi mu micungire y'urusobe rw'ibinyabuzima zemejwe.

modalities for monitoring the plan.

**Article 8: Review of a bioregional plan**

The bioregional plan shall be reviewed at least every five (5) years and whenever necessary to assess compliance with the plan and the extent to which its objectives are being met.

modalités de surveillance du plan.

**Article 8: Révision d'un plan bio-régional**

Le plan bio-régional doit être révisé au moins tous les cinq (5) ans et chaque fois que de besoin pour évaluer la conformité avec le plan et à quel point les objectifs sont atteints.

**Article 9: Biodiversity management plan**

Any person, organization or organ of State which intends to contribute on biodiversity management shall submit to the competent authority a draft biodiversity management plan for approval.

The plan shall be related to the management of the following:

- 1° an ecosystem;
- 2° indigenous species;
- 3° alien and migratory species.

**Article 9: Plan de gestion de la biodiversité**

Toute personne, organisation dotée de la personnalité juridique ou organe de l'Etat désirant contribuer à la gestion de la biodiversité soumet à l'autorité compétente un projet du plan de gestion de la biodiversité pour approbation.

Ce plan doit être en rapport avec la gestion de ce qui suit:

- 1° l'écosystème ;
- 2° espèces naturelles ;
- 3° espèces exotiques et migratoires.

An Order of the Minister shall determine all approved biodiversity management plans.

Un arrêté du Ministre détermine tous les plans de gestion de la biodiversité approuvés.

**Iningo ya 10:** Ivugururwa n'ihindurwa ry'igenamigambi ry'imicungire y'urusobe rw'ibinyabuzima

Igenamigambi ry'imicungire y'urusobe rw'ibinyabuzima risubirwamo nibura buri myaka itanu (5).

Iyo bibaye ngombwa, igenamigambi ry'imicungire y'urusobe rw'ibinyabuzima rishobora guhindurwa bisabwe n'urwego rubifitiye ububasha hitawe ku bitekerezo by'abafatanyabikorwa.

**Iningo ya 11:** Ikurikiranabikorwa

Urwego rubifitiye ububasha rushyiraho uburyo bw'ikurikiranabikorwa kandi rukagena ibipimo bigaragaza:

1° uko kubungabunga ibigize urusobe rw'ibinyabuzima by'u Rwanda byifashe;

2° ikintu icyo aricyo cyose cyiza cyangwa kibi gifite ingaruka ku miterere yo kubungabunga ibigize urusobe rw'ibinyabuzima.

**Iningo ya 12:** Guteza imbere ubushakashatsi

Mu rwego rwo guteza imbere urusobe rw'ibinyabuzima, urwego rubifitiye ububasha rukora ubushakashatsi ku bijyanye no kurengera no kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima n'imikoreshereze yabwo irambye.

**Article 10:** Review and amendment of biodiversity management plans

Biodiversity management plan shall be reviewed at least every five (5) years.

If considered necessary, a biodiversity management plan may be amended as required by the competent authority by taking into account views expressed by stakeholders.

**Article 11:** Monitoring

The competent authority shall establish monitoring mechanisms and set indicators to determine:

1° the conservation status of various components of Rwanda's biodiversity;

2° any positive or negative trends affecting the conservation status of the various components of biodiversity.

**Article 10:** Révision et modification des plans de gestion de la biodiversité

Le plan de gestion de la biodiversité doit être révisé au moins tous les cinq (5) ans.

En cas de nécessité, un plan de gestion de la biodiversité peut être amendé sur demande de l'autorité compétente en tenant compte des avis des partenaires.

**Article 11:** Surveillance

L'autorité compétente doit établir les mécanismes de surveillance et fixer les indicateurs permettant de déterminer:

1° l'état de conservation de différentes composantes de la biodiversité du Rwanda ;

2° toutes tendances positives ou négatives qui affectent l'état de conservation de différentes composantes de la biodiversité.

**Article 12:** Research promotion

In order to promote biodiversity, the competent authority shall conduct research on the protection and conservation of biodiversity and its sustainable use.

**Article 12:** Promotion de la recherche

Pour promouvoir la biodiversité, l'autorité compétente doit promouvoir la recherche sur la protection et la conservation de la biodiversité ainsi que son utilisation durable.

Ubwo bushakashatsi bwibanda kuri ibi bikurikira:

1° gukusanya no gusesengura amakuru ku:

- a) miterere yo kubungabunga ibigize urusobe rw'ibinyabuzima binyuranye;
  - b) bikorwa bifite ingaruka mbi cyangwa nziza ku miterere y'bungabunga ry'ibigize urusobe rw'ibinyabuzima binyuranye;
  - c) bikorwa binyuranye bifite ingaruka ku kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima;
- 2° isesengurwa ry'ingamba n'ubuhanga mu kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima;
- 3° kugena ibikenewe n'ibyhutirwa mu rwego rwo kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima;
- 4° ikoresha rirambye, kurengera no kubungabunga umutungo w'ibinyabuzima kavukire.

**Ingingo ya 13: Raporor n'imenyekanisha ry'imiterere y'urusobe rw'ibinyabuzima**

Ikigo cy'Ighugu gifite ibidukikije mu nshingano zacyo gikora raporo ku miterere y'urusobe rw'ibinyabuzima buri myaka ibiri (2) igashyikirizwa Minisitiri.

The research shall be mainly focused on the following:

- 1° collection and analysis of information about:
  - a) the conservation status of the various components of biodiversity;
  - b) negative or positive trends affecting the conservation status of various components of biodiversity;
  - c) various activities likely to have an impact on biodiversity conservation;
- 2° the assessment of strategies and techniques for biodiversity conservation;
- 3° the determination of biodiversity conservation needs and priorities;
- 4° the sustainable use, protection and conservation of indigenous biological resources.

**Article 13: Biodiversity status report**

The national organ in charge of environment shall produce a biodiversity status report every two (2) years and submit it to the Minister.

Cette recherche doit porter essentiellement sur ce qui suit:

- 1° la collecte et l'analyse de l'information sur:
  - a) l'état de conservation de différentes composantes de la biodiversité;
  - b) les tendances négatives ou positives qui affectent l'état de conservation de différentes composantes de la biodiversité;
  - c) différentes activités susceptibles d'avoir un impact sur la conservation de la biodiversité ;
- 2° l'évaluation des stratégies et techniques pour la conservation de la biodiversité ;
- 3° la détermination des priorités et besoins en conservation de la biodiversité ;
- 4° l'utilisation durable, la protection et la conservation des ressources biologiques naturelles.

**Article 13: Rapport sur la situation de la biodiversité**

L'organe national ayant l'environnement dans ses attributions produit tous les deux (2) ans un rapport sur la situation de la biodiversité et le transmet au Ministre.

**UMUTWE WA III: INDIRI Z'URUSOBE  
RW'IBINYABUZIMA  
Y'IBINYABUZIMA  
N'IBY'IBYADUKA**

**Ingingo ya 14:** Indiri z'urusobe rw'ibinyabuzima zikeneye kurindwa

Iteka rya Minisitiri rishyiraho urutonde rw'indiri z'urusobe rw'ibinyabuzima ku rwego rw'igihugu zibasiwe kandi zikeneye kurindwa n'aho ziherereye.

Urutonde ruvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo rukubiyemo ibi bikurikira:

- 1° indiri z'urusobe rw'ibinyabuzima zibasiwe cyane;
- 2° indiri z'urusobe rw'ibinyabuzima zibasiwe bisanzwe;
- 3° indiri z'urusobe rw'ibinyabuzima ziregarega;
- 4° izindi ndiri z'urusobe rw'ibinyabuzima zibungabungwa kubera agaciro kanini kazo ku rwego rw'igihugu.

**Ingingo ya 15:** Ibikorwa bibujije mu ndiri z'urusobe rw'ibinyabuzima ziri ku rutonde

Iteka rya Minisitiri rishyiraho urutonde rw'ibikorwa bibujije mu ndiri y'urusobe rw'ibinyabuzima rwashyizwe ku rutonde ruvugwa mu ngingo ya 14 y'iri tegeko.

**CHAPTER III: ECOSYSTEMS AND ENDANGERED AND INVASIVE SPECIES**

**Article 14: Ecosystems in need of protection**

An Order of the Minister shall set out a national list of ecosystems that are threatened and in need of protection and their location.

The list referred to under Paragraph One of this Article shall include the following:

